

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki/National Consultative Forum of Political Organisations/ Forum National de concertation des Formations Politiques

- Amategeko Ngengamikorere3
- Internal Rules3
- Règlement d'Ordre Intérieur.....3

B. Guhindura amazina / Change of names / Changement de noms

Icyemezo gitanga uburenganzira bwo guhindura izina:

- MUREKATETE Zulfaty54
- ZIBIKA Lisa Fadhila55
- GISARO Gatoni56
- SAGAHUTU Sandra57
- NYIRAMUBI Clementine58
- UMUTONIWASE Clemence59
- MUKAZIYANE Josiane60
- HABIYAREMYE HAMIDA61
- HATANGISHAKA.....62
- MWAMBAZA Reagan63
- SCHADRACK Vital.....64

Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba uburenganzira bwo guhindura izina:

- TUYISENGE Kevine65
- SINGAYE Geoffrey65
- MUGISHA Emile66
- UWAMUHANNYE Chantal66
- MPAGAZAHAYO IMAN67
- UWAMBAYE Oliver67
- NSANZEBAHIGA Yusufu68
- AHORUKOMEYE Victor68
- UMULISA SERUBIBI Médiatrice69
- GISAZA Olivier69
- SUBI Patrick70
- IRADUKUNDA Christel70
- Ntwarabashi Divin71
- UWINEZA Sylvie71
- RUGEMANDINZI MUSAFIRI.....72
- NYIRANZABANDORA Immaculée.....72

C. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- ABAHUJUMURIMO GISOZI.....	73
- COARA	74
- KODKUIKA.....	75
- KOPETUKA.....	76
- TTCM.....	77
- UBTC -EAST	78
- HAGURUKA DUKORE FUMBWE	79
- ABISHYZEHAMWE KAGANO	80

**AMATEGEKO NGENGAMIKORERE
Y'IHURIRO RY'IGIHUGU
NYUNGURANABITEKEREZO
RY'IMITWE YA POLITIKI**

**INTERNAL RULES OF THE
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM
OF POLITICAL ORGANISATIONS**

**REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR
DU FORUM NATIONAL DE
CONCERTATION DES
FORMATIONS POLITIQUES**

Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;

The General Assembly of The National Consultative Forum of Political Organisations;

L'Assemblée Générale du Forum National de Concertation des Formations Politiques ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10, iya 59 n'iya 80;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in its articles 10, 59, and 80;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 10, 59 et 80;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°10/2013/ OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Pursuant to the Organic Law n° 10/2013/OL of 11/07/2013 governing Political Organisations and politicians, as modified to date;

Vu la Loi Organique n° 10/2013/OL du 11/07/2013 régissant les Formations Politiques et les politiciens telle que modifiée à ce jour;

Isubiye ku Mategeko Ngenamikorere y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yo ku wa 13 Gashyantare 2014;

Having reviewed the Internal Rules and Regulations of the Forum of 13 February 2014;

Revu le Règlement d'Ordre Intérieur du Forum du 13 Février 2014 ;

Imaze kubisuzuma no kubyemeza mu nama yayo yo ku wa 27 Ukuboza 2018;

After consideration and approval in its session of 27 December 2018;

Après examen et adoption en sa séance du 27 Décembre 2018 ;

Yemeje Amategeko Ngenamikorere akurikira:

Adoptes the following Internal Rules:

Adopte le Règlement d'Ordre Intérieur qui suit:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mategeko
Ngengamikorere agamije

Aya mategeko Ngengamikorere y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki agena inshingano z'Ihuriro; inshingano, imiterere n'imikorere by'Inzego z'Ihuriro; uburenganzira n'ibisabwa Imitwe ya Politiki igize iri Ihuriro.

Ingingo ya 2: Inyito y'Ihuriro

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryashyizweho n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ryitwa "**Ihuriro**" mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'ijambo Ihuriro

Ihuriro ni urubuga Imitwe ya Politiki yabisabye kandi ikabyemererwa, ihuriramo igamije kungurana ibitekerezo kuri politiki y'Igihugu no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

Article One: Purpose of present Internal Rules

The present Internal Rules of the National Consultative Forum of Political Organisations determines responsibilities of the Forum; responsibilities, organization and functioning of the organs of the Forum; as well as rights and duties of Political Organisations constituting the Forum.

Article 2: Name of the Forum

The National Consultative Forum of Political Organisations hereinafter referred to as "the Forum"; was established by the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015.

Article 3: Definition of the term "Forum"

The Forum is a platform where Political Organisations whose membership application has been approved meet for a political dialogue, and building consensus and national cohesion.

CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent Règlement d'Ordre Intérieur

Le présent Règlement d'Ordre Intérieur du Forum National de Concertation des Formations Politiques détermine les attributions du Forum ; les responsabilités, organisation et fonctionnement des organes du Forum ainsi que les droits et devoirs des formations politiques qui le constituent.

Article 2: Dénomination du Forum

Le Forum National de Concertation des Formations Politiques ci-après dénommé "Forum" a été créé par la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.

Article 3: Définition du terme "Forum"

Le Forum est un cadre dans lequel les Formations Politiques dont la demande d'être membre a été acceptée, se rencontrent pour des raisons de dialogue politique, et de construire le consensus et la cohésion nationale.

Ingingo ya 4: Ubwigenge n'ubwisanzure by'Ihuriro

Ihuriro ni urwego rwigenga mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi rufite ubwisanzure mu bitekerezo no mu gufata ibyemezo mu buryo butanyuranyije n'amategeko.

Ihuriro rifite ubwigenge mu gushaka no gushyiraho abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa mu buryo buteganywa n'Igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'amicungire by'Ihuriro.

Ingingo ya 5: icyicaro cy'Ihuriro

Icyicaro cy'Ihuriro kiri i Kigali, Umurwa Mukuru w'u Rwanda.

Ingingo ya 6: Imitwe ya Politiki igize Ihuriro

Ihuriro rigizwe n'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda kandi yemeye kubahiriza ibiteganywa n'aya Mategeko Ngenamikorere y'Ihuriro.

Article 4: Independence and autonomy of the Forum

The Forum is an independent institution in its administrative and financial management and enjoys the freedom of expression and decision making in accordance with the law.

The Forum is autonomous in recruiting the staff for the Executive Secretariat as provided for in its book of administrative and management procedures.

Article 5: Head Office of the Forum

The Head Office of the Forum shall be in Kigali, the capital city of Rwanda

Article 6: Political Organisations constituting the Forum

The Forum is composed of Political Organisations recognised in Rwanda and which have agreed to comply with these Internal Rules of the Forum.

Article 4: Indépendance et autonomie du Forum

Le Forum est un organe indépendant doté de l'autonomie de gestion administrative et financière ainsi que de la liberté d'opinion et de prise de décision conformément à la loi.

Le Forum est autonome dans le recrutement de son personnel du Secrétariat Exécutif et ce, conformément aux dispositions de son manuel des procédures administratives et financières.

Article 5: Siège du Forum

Le siège du Forum est à Kigali, la Capitale du Rwanda.

Article 6: Formations politiques qui composent le Forum

Le Forum est constitué des formations politiques reconnues au Rwanda, qui ont consenti à se conformer à ce Règlement d'Ordre Intérieur du Forum.

Ingingo ya 7: Kwemererwa kuba mu Ihuriro

Umutwe wa Politiki wemerewe gukora, ushaka kujya mu Ihuriro, ubisaba mu nyandiko, ukemeza ko uzubahiriza amategeko yose agenga Ihuriro. Urwandiko rusaba kujya mu Ihuriro rwandikirwa Umuvugizi w'Ihuriro, nawe akarushyikiriza Inama Rusange kugira ngo irusuzume.

Urwandiko rw'Umutwe wa politiki rusaba ko ujya mu Ihuriro ruherekezwa n'ibi bikurikira:

1. Kopi y'Icyemezo kigaragaza ko Umutwe wa Politiki wanditswe;
2. Kopi y'Amategeko Shingiro agenga uwo Mutwe wa Politiki;
3. Kopi y'inyandikomvugo y'Urwego rukuru rw'Umutwe wa Politiki rwemeje ko Umutwe wa Politiki usaba kujya mu Ihuriro;
4. Kopi y'Amategeko Ngengamikorere yawo.

Article 7: Membership in the Forum

A Political Organisation authorized to operate in Rwanda which intends to enrol in the Forum shall request it in writing and shall commit to abide by all the laws and regulations governing the Forum. The application letter for membership to the Forum shall be submitted to the Spokesperson of the Forum, who will submit it to the General Assembly for consideration.

A Political organisation's application letter for membership shall have the following attachments:

1. A copy of registration certificate of the Political organization authorizing it to operate in Rwanda;
2. A copy of Statutes of the Political Organization;
3. A copy of the minutes of the supreme organ of the Political organization confirming that the political organization has decided to join the Forum;
4. A copy of its Internal Rules.

Article 7: Admission des membres au Forum

Toute Formation Politique agréée au Rwanda désireuse d'être membre du Forum en fait la demande par écrit et s'engage à se conformer à toutes les lois et règlements régissant le Forum. La lettre de demande d'admission au Forum est adressée au Porte-parole du Forum qui, à son tour, la soumet à l'attention de l'Assemblée Générale pour examen.

La lettre d'une Formation politique demandant l'admission au Forum doit être accompagnée des documents suivants :

1. Une copie du certificat d'enregistrement de la Formation politique l'autorisant à mener ses activités au Rwanda;
2. Une copie de Statuts régissant la Formation Politique;
3. Une copie du compte-rendu de l'organe suprême de la Formation politique confirmant que ladite Formation politique a décidé d'adhérer au Forum ;
4. Copie de son Règlement d'Ordre Intérieur

Official Gazette n° 05 of 04/02/2019

Umutwe wa Politiki wasabye kuba mu Ihuriro wemezwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'Imitwe Politiki igize Ihuriro yitabiriye inama y'Inama Rusange, iyo ubwumvikane busesuye butabonetse.

A Political Organisation which has applied for membership to the Forum shall be approved by at least two-thirds (2/3) of Political Organisations constituting the Forum present in the meeting of the General Assembly when there was no consensus.

Une Formation Politique qui a demandé l'admission au Forum doit être approuvée par au moins les deux tiers (2/3) des Formations Politiques constituantes du Forum et présentes lors de la réunion de l'Assemblée Générale lorsqu'il n'y a pas eu de consensus.

Umuvugizi w'Ihuriro ageza ku Mutwe wa Politiki wasabye kuba mu Ihuriro ibaruwa iwemerera cyangwa iwuhakanira hakurikijwe icyemezo cyafashwe n'Inama Rusange y'Ihuriro.

The Spokesperson of the Forum submit to the applicant Political Organisation a letter approving or disapproving its membership following the resolution of the General Assembly of the Forum.

Le Porte-parole du Forum remet à la Formation Politique qui a demandé l'admission au Forum une lettre d'acceptation ou de refus de la demande suivant la décision de l'Assemblée Générale du Forum.

Icyemezo gihakanira Umutwe wa Politiki kigomba guherekezwa n'impamvu uwo Mutwe wa Politiki utemerewe kujya mu Ihuriro.

In the event of a negative reply, the letter shall contain reasons for disapproval.

En cas de non acceptation de la demande, la lettre devra donner des raisons de ce refus.

Icyemezo cy'Inama Rusange kimenyeshwa Umutwe wa Politiki wabisabye mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) gifashwe.

The decision of the General Assembly must be communicated to the requesting political organisation within fifteen days (15) following the taking of the decision.

La décision de l'Assemblée Générale doit parvenir à la Formation Politique requérante dans les quinze (15) jours suivant la prise de cette décision.

Ingingo ya 8: Gutakaza uburenganzira bwo kuba mu Ihuriro

Article 8: Loss of membership in the Forum

Article 8: Perte de la qualité d'être membre

Umutwe wa politiki ureka kuba mu Ihuriro iyo usezeye ku bushake, wirukanwe cyangwa usheshwe.

A Political Organization shall lose its membership in the Forum in case of voluntary termination of membership, expulsion or dissolution.

Une Formation politique perd sa qualité de membre au Forum en cas de résignation volontaire, de l'expulsion ou de la dissolution.

Ingingo ya 9: Gusezera ku bushake

Umutwe wa politiki ugize Ihuriro ufite uburenganzira bwo kureka kuribamo.

Umutwe wa politiki wifuza gusezera mu Ihuriro wandikira Umuvugizi w'Ihuriro urwandiko rusezera.

Ingingo ya 10: Guhagarikwa by'agateganyo mu Ihuriro

Umutwe wa Politiki uhagarikwa by'agateganyo igihe utubahiriza ibisabwa n'Itegeko Nshinga, Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki, Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Indangamytwarire y'Imitwe ya Politiki n'Abayoboke bayo n'andi mategeko cyangwa ukoze ibikorwa bibangamiye icyerekezo n'ingendo by'Ihuriro.

Nyuma yo guhabwa umwanya wo kwisobanura mu nama y'Inama Rusange, icyemezo cy'ihagarikwa ryawo gifatwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro yitabiriye inama y'Inama Rusange, iyo ubwumvikane busesuye butabonetse.

Article 9: Voluntary termination of membership

A Political Organisation member of the Forum has right to terminate its membership.

A Political organisation intending to terminate its membership in the Forum shall submit a termination letter to the Forum's Spokesperson.

Article 10: Suspension from the Forum

A political Organisation are suspended if it fails to comply with the Constitution, Organic Law governing Political Organisations and politicians, Internal Rules of the Forum, the code of conduct for Political organisations and their members; any other laws or in case of activities which are incompatible with the vision and mission of the Forum.

After having been given the opportunity to provide explanations in the meeting of the General Assembly, the decision of suspension of the concerned Political organisation must be approved by two-thirds (2/3) of Political Organisations members of

Article 9: Résignation volontaire

Une Formation Politique membre du Forum a le droit de se retirer du Forum.

Une Formation Politique désireuse de se retirer du Forum en informe le Porte-parole du Forum par écrit.

Article 10 : Suspension dans le Forum

Une Formation Politique est suspendue provisoirement si elle ne se conforme pas à la Constitution, à la Loi Organique régissant les Formations Politiques et politiciens, le Règlement d'Ordre Intérieur du Forum, le Code d'éthique pour les Formation politiques et leurs membres, les autres lois ou au cas où elle pose des actes incompatibles avec la vision et mission du Forum.

Après avoir été donné l'occasion de donner des explications dans la réunion de l'Assemblée Générale, la décision de suspension de la Formation politique concernée est approuvée par les deux-tiers (2/3) des Formations politiques constituant

the Forum present in the meeting when there was no consensus.

le Forum, présentes à la réunion lorsqu' il n'y a pas eu de consensus

Umuvugizi w'Ihuriro ashakira Umutwe wa Politiki urwandiko ruwumenyeshya ihagarikwa ryawo.

The Spokesperson shall submit to the concerned Political Organisation a letter notifying the suspension.

Le Porte parole du Forum remet à la Formation Politique concernée une lettre notifiant à celle-ci sa suspension.

Ingingo ya 11: Kwirukanwa mu Ihuriro

Article 11: Expulsion from the Forum

Article 11: Expulsion dans le Forum

Umutwe wa Politiki ukomeje kutubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'aya Mategako Ngenyamikorere, usabwa gutanga ibisobanuro mu nyandiko, bigasuzumwa n'Inama Rusange. Uwo Mutwe wa Politiki uhabwa kandi n'umwanya wo kwisobanura mu nama y'Inama Rusange.

A Political organisation which continues to breach in the provisions of article 10 of these Internal Rules shall be requested to provide explanations in writing, and such explanations shall be considered by the General Assembly. This Political organisation will be given the opportunity to provide explanations in the meeting of the General Assembly meeting.

Une Formation politique qui continue de ne pas se conformer aux dispositions de l'article 10 du présent Règlement d'Ordre Intérieur, est demandée de fournir des explications écrites, qui sont examinées par l'Assemblée Générale. Cette Formation politique est pourvue d'une occasion pour donner des explications devant la réunion de l'Assemblée Générale.

Icyemezo cy'iyirukanwa ryawo gifatwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama y'Inama Rusange bahagarariye imitwe ya Politiki igize Ihuriro yitabiriye inama y'Inama Rusange; icyo ubwumvikane busesuye butabonetse.

The decision of its expulsion shall be taken by two-thirds (2/3) of Political Organisations members of the Forum present in the meeting, when there was no consensus.

La décision de son expulsion est prise par les deux-tiers (2/3) des formations politiques constituant le Forum, présentes à la réunion lorsqu'il n'y a pas eu de consensus.

Umuvugizi w'Ihuriro ashakira Umutwe wa Politiki urwandiko ruwumenyeshya iyirukanwa ryawo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) icyemezo gifashwe.

The Spokesperson shall submit to the concerned Political Organisation a letter notifying its expulsion not later three (3) days after taking the decision.

Le Porte parole du Forum remet à la Formation Politique concernée, endéans trois (3) jours de la prise de cette décision, une lettre notifiant à celle-ci son expulsion.

Ingingo ya 12: Kwirukanwa mu Ihuriro k'Umutwe wa Politiki washeshwe

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 47 y'Itegeko Ngenga N° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, Umutwe wa politiki usheshwe hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko uhita usezererwa mu Ihuriro.

UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IHURIRO

Ingingo ya 13: Inshingano z'Ihuriro

Ihuriro rifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Kuba urubuga ruhuza Imitwe ya Politiki yabisabye kugira ngo yungurane ibitekerezo bya politiki byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu;
2. Gufasha Imitwe ya Politiki ifite abayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko n'itabafite igira aho ihuriza ibitekerezo byubaka Igihugu no gukurikiranira hafi politiki n'imiyoborere y'Igihugu;

Article 12: Expelling a dissolved political organisation from the Forum

Subject to the provisions of article 47 of the Organic Law N° 10/2013/OL of 11/07/2013 governing political organisations and politicians, as modified to date, a dissolved political organisation is automatically excluded from the Forum.

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE FORUM

Article 13: Responsibilities of the Forum

The following are the main responsibilities of the Forum:

1. Be a platform where Political organisations engage in a political dialogue which may be helpful in the country's governance;
2. Ensuring that Political organisations both with and without parliamentary seats get an opportunity to share views that may help in the country governance;

Article 12: Expulsion d'une Formation politique dissoute dans le Forum

Sous réserve des dispositions de l'article 47 de la Loi organique N° 10/2013/OL du 11/07/2013 régissant les formations politiques et les politiciens telle que modifiée à ce jour, une formation politique dissoute est automatiquement exclue du Forum.

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU FORUM

Article 13: Attributions du Forum

Les principales attributions du Forum sont les suivantes:

1. Agir comme un cadre où les Formations politiques entretiennent des concertations politiques pouvant servir dans la gouvernance du pays ;
2. Permettre aux Formations politiques ayant des sièges et celles qui n'en ont pas au Parlement de participer à une concertation pouvant servir dans la gouvernance du pays ;

Official Gazette n° 05 of 04/02/2019

- | | | |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 3. Gutuma Imitwe ya Politiki yungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu, imyanzuro ivuyemo igashyikirizwa, hashingiwe ku miterere y'ikibazo, ukuriye Guverinoma, ukuriye Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena n'Umutwe w'Abadepite, n'ukuriye urwego rw'Ubucamanza kugira ngo bayifashishe mu miyoborere y'Igihugu; | 3. Allowing Political organisations to debate on major issues facing the country and, according to the nature of the issue, present to the Head of Government, the Speaker of the Chamber of Deputies, the Speaker of the Chamber of Senators and to the President of the Supreme Court recommendations that may be helpful in the governance of the country; | 3. Permettre aux Formations politiques de discuter sur les grands problèmes du pays et de soumettre au Chef de gouvernement, au Président de la Chambre des Députés, au Président du Sénat et au Président de la Cour Suprême des recommandations pouvant leur être utiles dans la gouvernance du pays ; |
| 4. Gutuma abari mu Mitwe ya Politiki baba intangarugero muri politiki y'ubumwe n'ubwiyunge, kurwanya ivangura n'amacakubiri; kandi imikorere yabo igashimangira icyizere abaturage bagirira Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki; | 4. Ensuring that Political organisations' members are role models in the policy of unity and reconciliation and in fighting discrimination and divisions; | 4. Faire en sorte que les membres des Formations politiques servent de modèles en matière de politique d'Unité et de Réconciliation, ainsi que la lutte contre la discrimination et le divisionnisme ; |
| 5. Gutuma Imitwe ya Politiki irigize ihuriza hamwe imbaraga zo kurwanya ibitekerezo umwanzi w'Igihugu yakoresha atera u Rwanda cyangwa abiba amacakubiri mu Banyarwanda; | 5. Ensuring that the functioning of Political organisations members win back and strengthen citizens' trust in political organisations and politicians; | 5. Veiller à ce que les agissements des membres des Formations Politiques incitent la population à regagner et renforcer la confiance à l'égard de Formations Politiques et des politiciens ; |
| 6. Kunganira Leta mu gukangurira abaturage ubufatanye cyane mu gihe cy'amakuba; | 6. Helping the State in mobilising citizens on how they should cooperate especially in times of calamity; | 6. Assister l'Etat dans la sensibilisation de la population à la coopération, surtout en cas de calamité; |
| 7. Guteza imbere umwuga wa politiki; | 7. Promoting the political career; | 7. Promouvoir la carrière politique; |

- | | | |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>8. Gushyiraho Abasenateri bane (4) nk'uko biteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015;</p> <p>9. Gushimangira ihame ryo gusangira ubutegetsi no gutoza abanyapolitiki n'abandi baturage umuco wo kubona ko uwo muhiganwa atari umwanzi ko ahubwo mwafatanyaga mu bitekerezo byubakaga;</p> <p>10. Kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'imitwe ya Politiki, cyangwa mu Mutwe wa Politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko, bisabwemo Ihuriro.</p> | <p>8. To designating four (4) Senators as provided for by Article 80 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015;</p> <p>9. Reinforcing the principle of power sharing and educate politicians and other citizens on culture of considering a contestant not as an enemy but as one to collaborate with through constructive ideas in view of building the country;</p> <p>10. Playing the role of a mediator in case of disputes which may arise between political organisations or within a political organisation at the request to the Forum before the matter is referred to the court.</p> | <p>8. Designer quatre (4) Senateurs conformément à l'article 80 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015;</p> <p>9. Consolider le principe de partage du pouvoir et éduquer les politiciens et la population sur la culture qui veut qu'un concurrent ne soit pas considéré comme un ennemi, mais plutôt comme quelqu'un avec qui vous partager les idées dans la construction du pays;</p> <p>10. Jouer le rôle de médiateur lorsqu'un litige surgit entre les Formations Politiques ou au sein d'une Formation Politique avant la saisine des juridictions lors qu'elle en fait la requête au Forum.</p> |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

UMUTWE WA III: INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'INZEGO Z'IHURIRO

Ingingo ya 14: Inzego z'Ihuriro

Ihuriro rifite inzego zikurikira:

1. Inama Rusange y'Ihuriro;
2. Biro y'Ihuriro;
3. Komisiyo zihoraho z'Ihuriro;

CHAPTER III: RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE ORGANS OF THE FORUM

Article 14: Organs of the Forum

The Forum has the following organs:

1. The General Assembly;
2. The Bureau;
3. Standing Committees

CHAPITRE III: RESPONSABILITES, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DU FORUM

Article 14: Les organes du Forum

Le Forum est constitué des organes suivants:

1. L'Assemblée Générale;
2. Le Bureau;
3. Les Commissions Permanentes ;

4. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro.

4. The Executive Secretariat

4. Le Secrétariat Exécutif

ICYICIRO CYA MBERE: INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO

SECTION ONE: RESPONSABILITIES, ORGANIZATIONS AND FUNCTIONING OF GENERAL ASSEMBLY

SECTION PREMIERE: RESPONSABILITES, ORGANISATIONS ET FONCTIONNEMENT DE L'ASSEMBLEE GENERALE

Akicro ka mbere: Inshingano z'Inama Rusange

Sub-Section One: Responsibilities of General Assembly

Sous -Section Première: Responsabilités de l'Assemblée Générale

Ingingo ya 15: Inshingano z'Inama Rusange

Article 15: Responsibilities of the General Assembly

Article 15: Responsabilités de l'Assemblée Générale

Inama Rusange ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

The General Assembly shall have the following main responsibilities:

L'Assemblée Générale a les principales responsabilités suivantes:

1. Gushyiraho Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro n'amabwiriza agena Igitabo cy'uburyo bw'imicungire y'abakozi n'imari n'umutungo by'Ihuriro;
2. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro n'ingingo y'imari yabyo;
3. Gushyiraho amabwiriza agenga imyitwarire y'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'Abanyapolitiki bayo;

1. Setting up internal rules and regulations of the Forum and adopt the instructions governing the organisational structure of the Executive Secretariat;
2. Adopting the action plan and the draft budget of the Forum;
3. Setting up a code of conduct for Political organisations and politicians;

1. Mettre en place le Règlement d'ordre intérieur du Forum et approuver les instructions portant manuel des procédures administratives et financières du Forum ;
2. Approuver le plan activités et le projet de budget du Forum ;
3. Mettre en place le code d'éthique pour les Formations Politiques et les politiciens ;

- | | | |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 4. Gufata ibyemezo mbonezabupfura ku Munyapolitiki cyangwa Umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro utubahiriza amategeko ngengamikorere n'amabwiriza agenga imyitwarire y'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro; | 4. Taking disciplinary measures against any politician or political organisation in breach of internal Rules and regulations and the code of conduct for Political organizations members of the Forum; | 4. Prendre des mesures disciplinaires pour un Politicien ou une Formation Politique qui ne respecte pas le Règlement d'ordre intérieur et le code d'éthique pour les Formations politiques membres du Forum; |
| 5. Gufata ingamba zituma inshingano z'Ihuriro zishyirwa mu bikorwa; | 5. Taking actions aimed at implementing the Forum's responsibilities; | 5. Prendre les stratégies permettant la mise en œuvre effective des responsabilités du Forum ; |
| 6. Gushyiraho no gukuraho abagize Biro y'Ihuriro; | 6. Appointing and dismiss members of the Bureau of the Forum; | 6. Nommer et révoquer les membres du Bureau du Forum ; |
| 7. Kugena abajya muri Sena batangwa n'Ihuriro; | 7. Designating members of the Senate determined by the Forum; | 7. Désigner les membres du Sénat déterminés par le Forum ; |
| 8. Gushyiraho Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro; | 8. Appointing the Executive Secretary of Forum; | 8. Designer le Secrétaire Exécutif du Forum ; |
| 9. Kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy' imikoreshereze y'umutungo n'imari by'Ihuriro; | 9. Adopting the report of activities and the report on usage of property of the Forum; | 9. Approuver le rapport des activités et le rapport sur la gestion du patrimoine du Forum ; |
| 10. Gukemura ibindi bibazo byo mu rwego rwa Politiki bireba Ihuriro. | 10. Dealing with any other issues related to the Forum. | 10. Résoudre tous les autres problèmes relatifs au Forum. |

Akiciro ka 2 : Imiterere y'Inama Rusange

Sub-Section 2: Organization of General Assembly

Sous- Section 2 : Organisation de l'Assemblée Générale

Ingingo ya 16: Imiterere y'Inama Rusange

Article 16: General Assembly

Article 16: L'Assemblée Générale

Inama Rusange ni urwego rukuru rw'Ihuriro, igizwe n'Imitwe ya Politiki yose iri mu Ihuriro.

The General Assembly is the supreme organ of the National Consultative Forum of

L'Assemblée Générale est l'organe suprême du Forum National de

	Political Organisations, and is composed of all Political Organisations which are members of the Forum.	Concertation des Formations Politiques et elle est composée de toutes les Formations Politiques membres du Forum.
Buri Mutwe wa Politiki uhagararirwa n’abantu bane (4), muri bo umwe (1) nibura agomba kuba ari mu rwego rw’ubuyobozi bukuru bwawo, kandi babiri (2) nibura ari abagore.	Each Political organisation shall be represented by four (4) people, and at least one of them should be a member of the Executive management of that political organisation, and at least two of them should be females.	Chaque Formation politique est représentée par quatre (4) personnes, dont au moins un parmi eux doit être dans l’administration suprême de cette Formation politique et deux d’entre eux au moins doivent être de sexe féminin.
<u>Akiciro ka 3: Imikorere y’Inama Rusange</u>	<u>Sub-Section 3: Organization of General Assembly</u>	<u>Sous- Section 3: Fonctionnement de l’Assemblée Générale</u>
<u>Ingingo ya 17: Inama z’Inama Rusange</u>	<u>Article 17: Meetings of General Assembly of the Forum</u>	<u>Article 17: Réunions de l’Assemblée Générale du Forum</u>
Inama Rusange isanzwe y’Ihuriro iterana rimwe mu mezi atatu (3).	The General Assembly of the Forum sits in its ordinary session once every three (3) months.	L’Assemblée Générale ordinaire du Forum se réunit une fois tous les trois (3) mois.
Ishobora no guterana mu nama idasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.	It may also convene in extraordinary session whenever it is necessary.	Elle peut tenir des réunions extraordinaires toutes fois que de besoin.
<u>Ingingo ya 18: Itumizwa n’iyoborwa ry’Inama Rusange</u>	<u>Article 18: Convening and chairing of meeting of the General Assembly</u>	<u>Article 18: Convocation et direction des réunions de l’Assemblée Générale</u>
Inama Rusange isanzwe cyangwa idasanzwe itumizwa kandi ikayoborwa n’Umuvugizi w’Ihuriro. Iyo adahari, itumizwa kandi ikayoborwa n’Umuvugizi Wungirije w’Ihuriro.	Ordinary or extraordinary session of the General Assembly is convened and chaired by the Spokesperson of the Forum. In case of his/her absence, the meeting is convened and	L’Assemblée Générale extraordinaire est convoquée et dirigée par le Porte-parole du Forum. En cas d’empêchement, elle est convoquée et dirigée par le Porte-parole adjoint du Forum.

chaired by the Deputy Spokesperson of the Forum.

Iyo inama itumijwe uwagombaga kuyiyobora adahari, akaza kuboneka igihe cy'inama, niwe uyiyobora.

When the meeting has been convened while the one to convene it is absent, once he/she is present at the meeting, he/she shall take over the chair.

Quand la réunion est convoquée alors que celui qui devrait la convoquer avant était empêché, celui-ci la préside lorsqu'il est présent dans la réunion.

Iyo habonetse impamvu ituma abagize Biro y'Ihuriro badashobora gutumira Inama Rusange isanzwe, Inama Rusange idasanzwe itumizwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro bisabwe mu nyandiko nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro. Abaje mu nama bitoramo uyiyobora.

However, due to a given impediment, members of the Bureau cannot convene an ordinary meeting, the Executive Secretary of the Forum shall convene an extraordinary meeting upon request in writing by at least two third (2/3) of the political organisations constituting the Forum. Present participants shall choose their Chairperson.

Lorsqu'il y a des contraintes empêchant les membres du Bureau de convoquer l'Assemblée Générale ordinaire, l'Assemblée Générale extraordinaire est convoquée par le Secrétaire Exécutif du Forum sur demande par écrit d'au moins les deux tiers (2/3) des Formations Politiques qui composent le Forum. Les participants à la réunion élisent parmi eux celui qui préside la réunion.

Ingingo ya 19: Gutumira Inama Rusange

Ibaruwa itumira inama yoherezwa Imitwe ya Politiki yose igize Ihuriro imenyeshya ingingo zizigwa, itariki, isaha n'aho izabera. Ibaruwa igomba kugezwa ku Mitwe ya Politiki nibura iminsi itanu (5) mbere y'uko inama iterana. Iyo minsi ishobora kugabanuka iyo ari Inama Rusange Idasanzwe.

Article 19: Invitation for the General Assembly

The invitation for the meeting must be sent to all member Political Organisations of the Forum, and must show the agenda, the date, time and venue of the meeting. The invitation letter shall reach the political organisations at least five (5) days before the ordinary meeting. These days can be reduced in case of an extraordinary meeting.

Article 19: Invitation pour l'Assemblée Générale

La lettre d'invitation pour la réunion est envoyée à toutes les Formations Politiques membres du Forum, précisant l'ordre du jour, la date, l'heure et le lieu de la réunion. La lettre d'invitation doit parvenir aux Formations Politiques au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion ordinaire. Ce délai peut être court lorsqu'il s'agit d'une réunion extraordinaire.

Nta Mutwe wa Politiki wemerewe guhagararira undi mu nama y'Inama Rusange.

No Political Organisation shall be allowed to represent another in a session of the General Assembly.

Aucune Formation Politique n'est autorisée à représenter une autre formation politique lors d'une session de l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 20: Gusaba ko Inama Rusange itumizwa

Article 20: Requesting for a General Assembly to be convened

Article 20: Demande de convocation de l'Assemblée Générale

Umutwe wa Politiki wifuza ko haterana Inama Rusange idasanzwe y'Ihuriro usaba Umuvugizi w'Ihuriro mu nyandiko igaragaza ibyashyirwa ku murongo w'ibyigwa.

Any Political Organisation wishing an Extraordinary meeting of the General Assembly of the Forum, shall request it in writing by showing and stating what should be put on the agenda.

Une Formation Politique souhaitant la tenue d'une Assemblée Générale extraordinaire du Forum adresse sa demande au Porte-parole du Forum dans un écrit précisant la proposition de contenu de l'ordre du jour de la réunion. Quand le Bureau du Forum trouve importants et pertinents les raisons et les motifs de l'ordre du jour, l'Assemblée Générale demandée est convoquée dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à partir du jour où le Porte-parole du Forum a reçu la lettre de demande.

Iyo Biro isanze ingingo zatanzwe zifite ishingiro n'uburemere buhagije, Inama Rusange yasabwe itumizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye umunsi Umuvugizi yaboneyeho iyo nyandiko.

When the Bureau finds the proposed justifications and reasons advanced convincing, the requested General Assembly meeting is convened within fifteen (15) days starting from the day the Spokesperson received the requesting letter.

Iyo Biro isanze ingingo zasabiwe inama idasanzwe zitihutirwa, izishyira kuri gahunda y'Inama Rusange y'Ihuriro isanzwe ikurikira.

Where the Bureau considers that such items on the agenda for which an extraordinary meeting is requested are not urgent, it postpones them to the agenda of the next ordinary meeting of the General Assembly of the Forum.

Lorsque le Bureau juge non urgents les points à l'ordre du jour pour lesquels une réunion extraordinaire a été convoquée, il les reporte à l'ordre du jour de la prochaine réunion ordinaire de l'Assemblée Générale du Forum.

Ingingo ya 21: Ibisuzumwa mu Nama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe y'Ihuriro yiga gusa ibiri ku murongo w'ibygwa bigaragara mu ibaruwa itumira inama.

Ingingo ya 22: Umubare wa ngombwa kugira ngo Inama Rusange iterane

Inama Rusange iterana ku buryo bwemewe iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro nk'uko biteganywa n'ingingo ya 16 y'aya Mategoko Ngenyamikorere.

Umutwe wa Politiki utashoboye kuza mu nama ugomba guhita ubimenyesha Umuvugizi w'Ihuriro mu nyandiko ukavuga n'impamvu.

Iyo umubare wa ngombwa utabonetse kugira ngo Inama Rusange ishobore guterana, inama yongera gutumizwa ku nshuro ya kabiri (2), kandi Imitwe ya Politiki yayitabiriye igafata ibyemezo ku buryo bwemewe.

Article 21: Agenda of the extraordinary meeting of the General Assembly

The extraordinary meeting of the General Assembly of the Forum shall consider items on the agenda only as expressed in the invitation letter.

Article 22: Quorum required for the General Assembly to sit

The General Assembly's meetings are officially held only when at least 2/3 of member political organisations of the Forum are present, as provided for by Article 16 of these Internal Rules.

